


# Ubuhinzi bwa kijyambere bw'inanasi

**Ibikenerwa kuri Are imwe: (Are 1=m 10x10)**

| Imbuto | Imborera | NPK 17-17-17 | | Umugozi | Inkoni |
|---|---|---|---|---|---|
| Garama 300 | Ibiro 200 (udutebo 8) | Ibiro bitatu | | Umugozi 1 | Inkoni 1 ifite cm 40 n'indi ifite cm 60 |

## ICYICIRO CYA 1 — GUTEGURA UMURIMA N'ITERA K'UMIRONGO

Hinga neza umurima ugeza isuka hasi mu bujyakuzimu buri hagati ya cm 35 na cm 45, ukuremo urwiri, unaringaniza.
Kurwanya isuri: Ca imyobo ifata amazi (imirwanyasuri) cg utere ibiti bivangwa n'imyaka, bifata ubutaka.
Cukura umwobo wo guteramo ufite cm 10-20 z'ubujyakuzimu
Batera kuri cm 60 hagati y'imirongo na cm 40 hagati y'ibihingwa. Hagati y'uturima basiga inzira ingana na cm 90.




## ICYICIRO CYA 2 — GUFUMBIRA

Shyira imborera (amashyi abiri) mu mwobo wo guteramo ukayivanga neza n'itaka.
Ongeramo imvaruganda ya NPK 17-17-17 mu byiciro 2:
Ubwa mbere: Mu mezi atatu uteye, Shyira g 20 (udufuniko 2 tw'agacupa k'amazi) hasi k'umuzenguruko wa cm 20 w'ikimera
Ubwa kabiri: Inanasi zatangiye kuzana imimero y'ururabo, ongeramo g 10 za NPK (agafuniko k'agacupa k'amazi) hagati y'ibihingwa




## ICYICIRO CYA 3 — GUTERA KU MIRONGO

Tera ibishibu ku mirongo, ubusanya imyobo.
Itera rigomba kuba hakiri kare mu gitondo cg ni mugoroba cyane mu mezi imvura iba itangiye kugwa.
N.B: Gusasira ni ingenzi, bishobora gukorwa mbere cg nyuma yo gutera.
Sasira inanasi ukoresheje ibyatsi byumye
Bagara hakiri kare, ugabanye ibyatsi mu murima.
Gusukira bituma inanasi zifata, bikazirinda kugwa.



## ICYICIRO CYA 4 — GUSARURA

Igihe cyo gusarura inanasi mu rwanda ni hagati y'umwaka n'igice kugera ku myaka ibiri uhereye igihe watereye.
Kumenya igihe cyo gusarurira biterwa n'igihe zikeneye kumara zibitse n'uburyo zitwarwa ku isoko
Ibara ry'umuhondo uhishije rifasha mu kumenya icyiciro cyo kwera kw'inanasi.
Umvikana n'umuguzi ku bijyanye n'icyiciro akeneye mbere y'uko usarura ngo ugurishe.

**Utere mu mezi ya Nzeli, ukwakira n'ugushyingo cg mu mezi ya werurwe na mata ariko zihita zihura n'izuba ryo mu cyi rigatuma zidakura neza.**

Hamagara **4676**, umurongo utishyurwa wa **RAB**